



ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

**ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU
NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI**

None ku wa kane, tariki ya 15 Ukwakira 2026, inama idasanze y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. NDAGIJIMANA Leonard.

Inama Rusange y'Ihuriro yagiranye ikiganiro na Minisitiri w'Ubuzima, Dr NSANZIMANA Sabin, cyibanze ku “ **Ingamba za Leta zo kurwanya ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge, by'umwihariko kurwanya ikorwa n'ikwirakwizwa ry'inzoga n'ibinyobwa bitujuje ubuziranenge** ”.

Muri iki kiganiro, hagarajwe ko ikibazo cy'ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge kiremereye Igihugu, kuko byangiza ubuzima bw'Abanyarwanda, akaba ari yo mpamvu Inzego zoze zashyize imbaraga nyinshi mu kubirwanya.

Mu ngamba Leta yafashe zirimo guhagarika ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge, no gufunga inganda zabikoraga mu gihugu kuko zitari zujuje ibisabwa.

Hahagaritswe kandi itumizwa rya *ethanol* yaturukaga mu mahanga, yifashishwaga mu kwenga izo nzoga.

Izi ngamba zafashwe ku nyungu rusange zo kurengera ubuzima bw'abaturage hatitawe ku nyungu abacuruzi bakuragamo.

Minisitiri yagaragaje ko umusaruro watanze n'izi ngamba ushimishije, kuko ibyaha n'ibikorwa by'urugomo bikomoka ku gukoresha inzoga zitujuje ubuziranenge byagabanutse, abaturage bakaba batanga ubuhumya, ko izi ngamba zagize akamaro.

Minisitiri yasabye Imitwe ya Politiki gukomeza gufatanya na Leta, kugira ngo ingamba zafashwe zo kurwanya ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge zisobanurirwe abanyarwanda n'abayoboke bayo by'umwihariko; bazigire izabo kuko zirengera ubuzima bw'abaturage.

Nyuma y'ikiganiro, Inama Rusange yashimye umusaruro utangwa n'ingamba zo kurwanya ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge, ifata imyanzuro ikurikira:

- (1) Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize bishyigikiye bikomeye ingamba za Leta yafashe zo kurwanya ibinyobwa n'ibiribwa bitujuje ubuziranenge;**

- (2) Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize birashishikariza abayoboke bayo aho bari hose kuba intangarugero mu gushyira mu bikorwa ingamba Leta yafashe no kugira uruhare mu gushishikariza Abanyarwanda kwirinda gukora, gukwirakwiza, kunywa cyangwa kurya ibitujuje ubuziranenge kuko bishyira ubuzima bwabo mu kaga.
- (3) Imitwe ya Politiki irasaba abayoboke bayo n'abandi Banyarwanda muri rusange kudahishira no kugaragaza abagicuruza inzoga n'ibiribwa bituje ubuziranenge.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 15/10/2026.

GISAGARA Theoneste
Umunyamabanga Nshingwabikorwa

